



AFERWAR-DUTERIMBERE
Association des Femmes Rwandaises Réfugiées
Rwandan Women refugees Association
Ishyirahamwe ry'abari n'abategarugori b'impunzi z'abanyarwanda

INTWARO ZIRINDWI Z'UMUTIMA

Mu Kinyarwanda bavuga ko umugore ari umutima w'urugo. Muri AFERWAR-DUTERIMBERE, intego yacu ni uguha umuryango w'impunzi z'abanyarwanda aho ziri hose kw'isi, umutima utuje, ushishoza kandi wuzuye urukundo n'ubusabane, kugirango amarira n'agahinda tumazemo imyaka irenga 24, atwiremo imbaraga zo guhangana n'ingorane zose iyi si igikomeza kudutambika imbere. Tuzi ko umwanzi wa mbere w'imitima yacu ari ubwoba no gushidikanya, niyo mpamvu twiyemeje kwitwaza intwaro zikurikira:

URUKUNDO: *Tuzi ko nta kiza na kimwe isi itanga kiruta urukundo, kandi n'ijambo ry'imana rirabitubwira. Tuzi neza kandi ko iyo tutagira urukundo hagati yacu, ngo dutabarane kandi dufatanye bamwe tuba tutakiriho. Niyo mpamvu tugomba gukora uko dushoboye tukongera urwo rukundo kugirango dushobore gukomeza kwitangira abatishoboye no kwongera ubusabane hagati yacu, cyane cyane ko turi mu bihugu binyuranye.*

UKWEMERA: *Abenshi muri twe tuzi ko igihe cyose intege za roho n'umubiri zagiye zitubana nke, twagiye duhungira mu kwemera kwacu. Mu guhangana n'ingorane zose zituri imbere, tugomba kwongera uko kwemera, dutura imana imibabaro yacu, ariko tunemera by'umwihariko, ko twifitemo ingufu zo guhangana n'ibigeragezo byose umwanzi atunyuzamo.*

IKIZERE: *Hari benshi bacitse intege kubera kubona ko twugaga isi ntitege amatwi, cyangwa ikatwirengagiza. Niyo mpamvu tugomba guhorana ikizere, kuko ibyo tubitse mu mutima wacu umwanzi ntashobora kubitwambura tutabimuhaye. Tugomba kwirinda guta ikizere kuko aricyo gituma tugira ibitekerezo bishya kandi byubaka.*

KWIHANGANA: *Urugendo rwacu ni rurerure kandi haracyari imisozi imbere tugomba kurira. Bisaba rero ko twihangana tugakoresha igihe dufite twiyubaka, ariko tunibuka ko iyihuse ibyara ibihumye.*

KWOROHERANA: *Mu mikorere yacu tugomba kwibuka ko ahari uruntu hanuka uruntu runtu, tukoroherana kandi tukababarirana, bityo abaje batugana bakaza bisanga, urukundo rwacu n'ubusabane bikaba aribyo bibaha ubutwari bwo kudufasha no kutuguma iruhande*

KUDATEZUKA: *Tugomba guhoza amaso ku ntego twihaye, kugirango uko byagenda kose, tutarangazwa n'amacenga y'umwanzi cyangwa intege nke zituruka kuri kamere muntu, bityo tukaba twatatira igihugu n'umuryango nyarwanda.*

KUDATENGUHA: *Kuba umutima w'imbaga y'impunzi z'abanyarwanda cyane cyane izatereranywe n'isi yose, bisaba ko twitaba iyo duhamagawe, tukarangiza inshingano zacu haba mu mura cyangwa ku zuba. Ni ngombwa kandi ko inyungu rusange zihora zitabwaho mbere y'inyungu z'abantu bwite.*